

Mubyeyi/Urera umwana:

Kuvuga indimi zirenze rumwe ni umutungo w'agaciro kanini. Dushishikariza imiryango gusigasira ururimi gakondo rwayo mu gihe yiga n'Icyongereza. Abanyeshuri bavuga cyangwa bumva neza urundi rurimi bashobora kwemererwa guhabwa ubufasha kugira ngo bongere ubumenyi bw'Icyongereza kandi bakanahabwa ubufasha bakeneye kugira ngo buuze ibigenderwaho mu masomo muri Maine. Ibibazo bikurikira, bisabwa ku banyeshuri bose kuva mu mashuri y'incuke kugera mu mwaka wa 12, bizafasha ikigo cy'amashuri umwana wawe yigaho kumenya niba uwo mwana yahabwa serivisi z'ubufasha bwerekerye n'ururimi rw'Icyongereza.

Niba ushaka ko iyi baruwa n'ubushakashatsi bukurikira bitangwa mu rundi rurimi, cyangwa ukeneye umusemuzi, ikigo cy'amashuri umwana wawe yigaho kizubahiriza ibyo wifuza. Ufite uburenganzira bugenwa n'amategeko bwo guhabwa ubutumwa n'ikigo cy'amashuri, bwaba ubwo mu magambo cyangwa ubwanditse, mu rurimi ushobora kumva neza.

Niba ahakurikira handitse urundi rurimi rutari Icyongereza, umwana wawe azakora isuzuma ry'ubumebyi bw'ururimi rw'Icyongereza (ELP). Bitewe n'imitsindire y'umwana wawe, umwana wawe ashobora kugaragazwa nk'Uwiga ururimi rw'Icyongereza kandi akaba yemerewe guhabwa ubufasha mu by'ururimi rw'Icyongereza. Turakwizeza ko ibisubizo byawe bizifashishwa gusa ku mpamvu z'uburezi kandi bikabikwa ahashyingurwa inyandiko z'ikigo cy'amashuri, hagerwa n'abakozi b'ikigo cy'amashuri gusa. Abakozi b'ikigo cy'amashuri ntabwo bemerewe kubaza ibibazo bijyanye no kumenya niba umuryango wawe ari uw'abimukira.

Turagushimiye ko uduhaye aya makuru kandi turifuriza umwana wawe kuzatsinda amasomo neza.

Amazina y'umunyeshuri:	Itariki y'amavuko:
Ikigo cy'amashuri:	Umwaka azigamo:

Urasabwa gusubiza ibibazo byose.

1. Ni uruhe rurimi umwana wawe avuga cyangwa yumva neza mbere y'izindi? _____
2. Ni uruhe rurimi umwana wawe avuga cyangwa yumva mu buryo bumworoheye cyane? _____
3. Ni uruhe rurimi abantu bavuganamo n'umwana wawe buri munsi? _____

Umukono w'umubyeyi/urera umwana: _____ Itariki: _____



UBUSHAKASHATSI KU
IKORESHWA RY'INDIMI

Ibigaragazwa nyuma yo gutangira kwiga maze ubuyobozi bw'Ikigo cy'amashuri bukaba ari bwo gusa bubyuzuza hano: Niba Icyongereza ari rwo rurimi rwonyine rugaragara ku Bushakashatsi ku ikoreshwa ry'indimi (Ibibazo 1-3 biri haruguru), Isuzuma rya ELP rishobora gukorwa **gusa igihe** iki gice cyujuje n'umwarimu maze kikemezwa n'Umuyobozi/Umuhezabikorwa wa gahunda yo kwiga indimi nyinshi cyangwa Komite ishinzwe kwigisha indimi. Sobanura neza ibimenyetso bigaragaza ko umunyeshuri yagiye yiga ururimi rw'Icyongereza ariko hakanivangamo ururimi rw'ibanzo cyangwa urundi rurimi akesha mu rugo rutari Icyongereza:

Imikono: Umwarimu _____ **Itariki:** _____

Umuyobozi/Umuhezabikorwa
wa gahunda yo kwiga indimi nyinshi _____ **Itariki:** _____